

Ubutumwa Bikira Mariya yahaye Nyiramukiza Valentine ku itariki ya 09/7/2020 à 4h05

Bikira Mariya:

Nyiramukiza mwana wanjye nkunda waramutse.

Valentine :

Karame Mama ! Waramutse

Bikira Mariya :

Buretse ibyo urimo untege amatwi unyumve, wumve ikinzanye mwana wanjye.

Valentine:

Ndi hano Mama ! Nguteze yombi ngo nkumve Mubyeyi wanjye nkunda cyane.

Bikira Mariya :

Dore nzanywe n'ibi bikurikira:

1/- Ndabashimira ubwitange no kwigomwa mwavuganye amasengesho y' iminsi cyenda nari nababwiye. Ntibyoroshye ariko kwigomwa ni byiza, birafasha bikanakiza buri wese muri mwe na benshi mutazi bari hirya no hino.

Murakagira abababyara , murakagira abo mubyara bana banjye.

2/- Ikindi nyamukuru ni isengesho risigaye ry'iminsi itatu mugiyeye gutangira .

Munyumve neza bana banjye, mbibasaba narinzi impamvu, kandi n'ubu iyo mpamvu iracyahari.

Narinzi ko muri ahantu hatandukanye no mu mirimo itandukanye.

Naje mbabwira ko mbabaye , mbabajwe n'uko batubaha umwana wanjye.

None byarahindutse cg se byarushijeho kuba bibi ?

None se mwe uko mu muhabwa birabashimishije?

Dore uko nifuzaga ko mwasengera hamwe nk'abahuzamugambi beza buzuzanya kugirango muce umugozi w'ababisha ushaka koreka abatuye iy'isi.

Uko mwasengaga mujye mwongeraho ubutumwa mwahawe, mubusomere hamwe kuko bamwe mubyibagirwa, musomere n'abatazi gusoma no kwandika.

Iyi minsi itatu rero, muntege amatwi munyumve neza bana banjye, nabasabye amasengesho kubera impamvu, ntakuyacamo ngo muganire ku bindi.

Ibyo bindi muzabishakire umwana wa byo kuko murakina mubikomeye. Hari benshi barara hanze ,benshi barara ubusa bihebye , mwe murateta gusa.

Hari inzira karengane nyinshi!

Nimusenge cyane mwebwe mubishobora, abandi bibereye aho gusa.

Nabahaye iyi gahunda nziko hari Kiriziya zafunguwe ! Mu buhe buryo?

Ntabwo ari zose kuko hari izigifunze nkuko n'imitima y'abantu harimo ifunze.

Mutegure isengesho nk'uko bisazwe nk'uko mwarikoze mu minsi Mitagatifu ya Pasika, maze mwongereho ubutumwa mwahawe nabwo burafasha .

Mukomere kuri Rozali yanyu bana banjye, musabire abategetsi ba kiriziya birengagiza ubutumwa bwanyje n'ubw'umwana wanjye.

Abategetsi ba Kiriziya bamwe na bamwe banze kwakira ubutumwa bubaburira ibigiye kuzababaho n'uburwayi bwabo none bikaba birimo kubagora muri iki gihe. Musabire abategetsi ba Kiriziya bagendera mu kwaha kw'abategetsi bo kw'isi, bakirengagiza ubutegetsi bw'ijuru.

Mwibuke kera havuzwe abihayimana bakuragamo imyenda yabo ibaranga bakajya mu nama zitari nziza, bamwe mubo twatumye barabibaziza barafungwa na n'ubu bikibakurikirana kandi byari byo , n'ubu

mbisubiyemo kuko noneho bikorwa ku mugaragaro .

Ngicyo icyo tugomba gusabira cyane kuko ni benshi kandi Kiriziya iracecetse cyane. Hazaboneka abamaritiri benshi bazazizwa kuvugisha ukuri, mbese na mwe mwaba mwabyemera cg se mwahakana ukuri muzi mwabonye nk'abandi ?

Ngibyho rero ibyo ugiye guhongerera mwana wanjye.

Ngaho komeza ibyo wari urimo nanjye mfite akazi kenshi.

Nguhaye umugisha wa Kibyeyi mwana wanjye .

Kw'izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu .

Amina

Wirirwe mwana wanjye, muzagire amasengesho meza.

Valentine :

Urakoze cyane Mama.

Wirirwe.